Hari amashyirahamwe ashobora kugufasha uramutse ugize ingorane.

Za adresse zabo ni izi :

Dutch Foundation of Religious Against Trafficking in Women
(Stichting Religieuzen Tegen Vrouwenhandel SRTV)
Sint Janssingel 92
NL 5211 DA Den Bosch
The Netherlands (Holland)
Tel: +31- 73 – 615 44 44
Fax: +31-73 – 615 44 49
E-mail: srtv@srtv.info
Website : www.srtv.info
Bank-Giro no 420557

Solwodi (Solidarity with women in distress)
Probstei-Strasse.2
D-54154 Boppard Hirzenach,
Germany
Tel. +49-67 41 22 32
Fax: +49-67 41 23 10
E-mail: info@solwodi.de
www.solwodi.de

Rwanda:

UBURAYI NI PARADIZO ?

NTUKEMERE IBYO WUMVISE BYOSE.

Rwanda

Dutch Foundation of Religious against Trafficking in Women

SRTV

ICYITONDERWA KU BALI N' ABATEGARUGOLI.

HARI UWAKWIJEJE UBUZIMA BWIZA ARI UKO UGIYE GUKORA MU BURENGERA ZUBA BW' IBURAYI ?



Aka gatabo n'ako kuburira abali n'abategarugoli bo mibihugu bikenye no mu burasirazuba bw' Uburayi ; ingorane bashobora guhura nazo, igihe biyemeje kwimukira mu burengera zuba bw'Uburayi.

ICYO WAGOMBYE KUMENYA...

Abali n'abategarugori benshi bifuza nk' ibyo nawe wifuza

Maria
Maria yabaga mu bukene, buri munsi agomba kwihambira ngo abone icyo ararira. Ntiyigeze atezuka gutekereza ko azagira ubuzima bwiza. Umunsi umwe yiyemeza kugerageza akazi yari abonye i Burayi ngo abone abone asiga ubwo bukene inyuma. Nibwo yasinye kontaro imwizeza umusharara utubutse. Yari aziko agiye kubyina iby'umuco nyarwanda mu Buholandi. Nyamara agezeyo yasanze ibyo bamwijeje byose ari ibinyoma, ahubwo bamutegeka kuba indaya.

Theresa
Theresa yiyandikishije muri CLUB yo kwandikirana, ngo azabone umugabo w'umukire. Uwo bandikiranaga amutumira kuza mu Budage. Ntagezeyo ; asanga n'umusaza ari n'umusinzi,akajya amukubita.

Lita
Lita yijejwe n'umukerarugendo w'umubiligi ko azamubera umukarani muri hoteli afite. Yageze mu Bubiligi , uwo mugabo amwaka urupapuro rwe rw'urugendo maze amutegeka kuba indaya.

Ubaze neza INFORMATION na AIDE Umuntu waguhaye aka gatabo.

KUBERA IKI IKI CYITONDERWA ?

Mubihugu byose by' iburengerazuba bw'Uburayi, twahuye n abali n'abategarugori benshi, bavuye mubihugu byo hanze, bahuye n'ingorane.
Bari bijejwe ko :

* bazabona akazi keza
* bazahembwa umushara utubutse
* bazubaka urugo rwiza
* n'ibindi n'ibindi

Bizera ko bashobora gukira mugihe gito, maze bakazasubira mugihugu cyabo gufasha abatishoboye bo mu muryango basize inyuma.

UKURI NI UKUHE ?

1. Biragoye kubona akazi mu burengerazuba bw' Uburayi, kuko n'ababayo nabo benshi ntakazi bafite.
2. Ukeneye ibyangombwa bikwemerera gukora, uburenganzira bwo kuba muri icyo gihugu cyangwa visa kugira ngo batagusubiza inyuma.
3. Abali n'abategarugor benshi bahembwa amafaranga ari musni y'umushahara bagenewe. Akenshi usanga bagiye m'uburaya.
4. Hari impinduka nini yo kwandura HIV/SIDA.
5. Ibyo babizeza byose kenshi usanga ari ibinyoma. Nimubanze mushishoze.

Reba neza ko ibyangombwa byawe byuzuye.

NIBA WIYEMEJE KUGENDA..

1. Banza urebe ko ufite adresse z'abakwijeje akazi cyangwa ibindi. Urebe niba bagendera ku mategeko.

2. Baza kuri ambassade y'igihugu ugiymo niba uwo ugiye gukorera koko abaho kandi agendera ku mategeko.

3. Shakisha uko wavugana na za ORGANISATIONS, zo mu gihugu cyawe, zifasha abagiye kwimukira hanze y'igihugu. Ushobora gusanga ukeneye inkunga zazo, uramutse ugarutse mugihugu cyawe.

4. Menyesha inshuti n'umuryango itariki uzagenderaho, aho zaba ubarizwa, amazina y'abo mujyanye n'ifoto yawe.

PASSEPORT NI IYAWE BWITE !

5. Nuhura n'ingorane usabe ukuburanira. Ukurikije amategeko mpuzamahanga ibihugu bigenderaho, ushobora guhabwa AVOCAT cyangwa se ukuburanira kubuntu.

6. Mubihugu bimwe na bimwe, abapolisi bafasha kurwanya abacuruza abali n'abategarugori, n'iyo umuntu nta byangombwa byuzuye yaba afite !

NTUZIGERE NA RIMWE UTANGAPASSEPORT YAWE !